RADIO MARIA RWANDA IWACU

N° 003

FM 88,6 FM97,3 FM99,4FM99,8 NZELI 2013

Ijwi rya Gikirisitu riguherekeza aho uri hose

IWACU MURI RADIO MARIA RWANDA

RMR ifite Umuyobozi mushya w'ibiganiro w'agateganyo

Kuva tariki ya 4 Nzeli 2013, Radio Maria Rwanda ifite Umuyobozi mushya w'ibiganiro mu gihe cy'agateganyo, akaba ari **Padiri Joseph Emmanuel KAGERUKA** usanzwe ari Umunyamabanga wa Diyosezi ya Kabgayi. Uwo murimo azawukora by'agateganyo kugeza igihe Inama y'Abepiskopi Gatolika b'u Rwanda, ibyumvikanyeho n'Umuryango wa Radio Maria ku isi, izaba imaze gushyiraho undi mupadiri ushinzwe ku buryo buhora ibiganiro binyura kuri Radio Maria Rwanda uzasimbura Padiri Casimir Ruzindaza warangije manda ye. Ubuyobozi bw'Umuryango Radio Maria Rwanda buhaye ikaze Padiri Joseph Emmanuel KAGERUKA kandi bumwijeje ubufatanye busesuye.

Dr Bernardin RUTWAZA

Prezida w'Umuryango Radio Maria Rwanda

IJAMBO RY'IBANZE

Bavandimwe, bakunzi ba Radio Maria Rwanda, twishimiye kongera kubasangiza ubuzima bwa radio yanyu. Duhore tuzirikana ko ari ngombwa gufatana urunana kugira ngo Ijambo ry'Imana rigere ku barisonzeye binyuze kuri Radio Maria Rwanda. Niyo tubagezaho uko mwakiriye intumwa za Radio Maria Rwanda hirya no hino mu maparuwasi tuzirikana n'abandi badutera inkunga bakoresheje uburyo bunyuranye tubamenyesha. Ubu noneho hagiye gutangira uburyo bwo kumenya no kumenyesha ushyikirije inkunga intumwa ya Radio Maria Rwanda. Turongera kubagezaho impinduka mu buyobozi bwa gahunda za Radio Maria Rwanda: Padri Casimir RUZINDAZA yasimbuwe na Padri Yozefu Emanweli KAGERUKA. Bose tubifurije ubutumwa bwiza. Turashimira abantu babonye aka kanyamakuru bakaduha ibitekerezo n'abandi bakohererereje inshuti. Twongere tubibutse ko mushobora gukurikirana gahunda za Radio Maria Rwanda ku mirongo ine ya FM: **88.6** uri i Muhanga, **97.3** uri i Jali mu mujyi wa Kigali, **99.8** uri i Karongi, na **99.4** uri i Rusizi. Radio Maria Rwanda yumvikanira no ku mu rubuga rwa "Internet" www.radiomaria.rw.

Gutera inkunga Radio Maria Rwanda ni ugufasha Yezu na Bikira Mariya gufasha isi.Mwamikazi wa Radio Maria, udusabire.

Abayobozi ba Radio Maria bakiririwe n'Abepiskopi Gatolika b'u Rwanda

Tariki ya 12 Nzeli 2013, Prezida wa Radio Maria Rwanda, Dr RUTWAZA Bernardin, ari kumwe na Bwana KAYIHURA Jean Paul, intumwa y'Umuryango wa Radio Maria ku rwego rw'isi ishinzwe gukurikirana imikorere ya Radio Maria muri Afurika, bakiririwe n'Abepiskopi Gatolika b'u Rwanda bari mu nama yabo isanzwe ya gatatu y'umwaka wa 2013. Ibiganiro bagiranye byibanze ku mishinga Radio Maria Rwanda ifite muri iki gihe, no ku mikorere y'inzego za Radio Maria Rwanda mu rwego rwo kunoza imikoranire n'Inama y'Abepiskopi Gatolika b'u Rwanda.

Dr Bernardin RUTWAZA

Prezida w'Umuryango Radio Maria Rwanda

Pietre Homsky yavuye muri Pologne n'amaguru agera mu Rwanda

Mu kwezi kwa Nzeli 2013, Radio Maria Rwanda yasuwe na Pietre Homsky akaba yari mu rugendo nyobokamana rugana i Kibeho. Urwo rugendo yarutangiye muri Pologne tariki ya 12 Ukwakira 2012 mu ntangiriro y'umwaka w'ukwemera. Yageze mu Rwanda tariki ya 7 Nzeli 2013 akaba yari amaze gukora ibilometero bigera ku 6.200 n'amaguru.Mu kiganiro yagiranye na Radio Maria Rwanda, yatangaje ko yumva ameze neza kandi ko yagendaga arushaho kugira imbaraga ndetse akaba azakomeza umwitozo wo kugenda n'amaguru kuko amavunane yahoranaga yakiriye mu nzira.Ikindi ni uko yavuze ko ubutumwa bwa Kibeho butareba u Rwanda, akaba agamije kugira uruhare kubumenyekanisha ndetse no kwifashisha ubuhanga mu itumanaho (facebook,twiter,…), agasakaza ubutumwa bwa Bikira Maria. Intego ye yo mu mwaka w'ukwemera akaba yishimira ko yayigezeho. Muri urwo rugendo kuri Radio Maria, yari kumwe na Père Andrzej JAKACKI, umwarimu mu Iseminari ya Nyakibanda, wagendaga amusemurira. Père Andrzej JAKACKI akaba afite impamyabumenyi y'ikirenga mu bijyanye na Bikira Mariya, yanahaye Radio Maria Rwanda igitabo yanditse ku mabonekerwa y'i Kibeho kitwa « Apparitions de la « Mère du Verbe » à Kibeho. Aracyakomeza ubushakashatsi kuri Kibeho.

NDAGIJIMANA Diogene

RADIO MARIA MU BAKUNZI BAYO

Ku cyumweru tariki 29 Nzeli 2013, Radio Maria Rwanda yakoreye igitaramo cy'indirimbo zo gusingiza Imana mu Kiliziya ya Paruwasi ya Gishaka ho muri Arkidiyosezi ya Kigali.

Iki gitaramo cyabimburiwe n'igitambo cya Misa yasomwe na Padiri mukuru w'iyo Paruwasi, Evariste BIRAMAHIRE, ari kumwe n'abasaseridoti babiri bafatanyije ubutumwa. Iki gitaramo cyateguwe mu rwego rwo gusoza igikorwa abakristu b'iyo Paruwasi bari bamazemo iminsi cyo kwegeranya inkunga bageneye Radio Maria ku musaruro wa bo w'impeshyi, dore ko iyi ari gahunda imaze kuba umuco muri iyo Paruwasi aho abakristu babifashijwemo n'abakangurambaga ba Radio Maria Rwanda, begeranya inkunga inshuro 2 buri mwaka, bijyanye n'ibihe byabo by'isarura. Igitaramo cyasusurukijwe n'abahanzi b'abakristu ari bo NDAGIJIMANA Nathanael, Egide NDUWAYEZU, Vincent de Paul Ntabanganyimana, Chorale ST PAUL-GISHAKA, n'abandi bahanzi b'aho i Gishaka, kikaba cyarasojwe habonetse inkunga ingana n'amafaranga ibihumbi magana atandatu na cumi na magana abiri na mirongo ine n'atanu (610,245 frws).

Ibindi bikorwa binyuranye byahuje Radio Maria Rwanda n'abakunzi bayo hirya no hino mu ma Paruwasi.

Uhereye ku itariki ya 01Nzeli aho yasozaga uruzinduko rwayo muri Paruwasi ya Rilima, aho abakristu bari bamaranye icyumweru na yo, yasoje yakira inkunga igera kuri miliyoni imwe n'ibihumbi makumyabili by'amafaranga y'u Rwanda **(1,020,000)**, yaherekejwe n'impano y'ikibanza yahawe n'umukristu wo muri Santarali ya Gashora ahantu hari mu hakaswe ibibanza by'imidugudu, n'izindi nkunga zizakomeza gutangwa, kuko biyemeje kujya batangira inkunga mu miryangoremezo yabo buri kwezi

Radio Maria Rwanda yakomereje muri Paruwasi ya Muhondo na yo yo muri Arkidiyosezi ya Kigali.

Kuva tariki 2 kugeza ku ya 8 Nzeli 2013, abakristu babarizwa mu ma Santarali ane ya Paruwasi Muhondo bashyikirije Radio Maria Rwanda inkunga ingana n'amafaranga ibihumbi magana arindwi na mirongo irindwi na birindwi magana atandatu na cumi (**777,610 frws).**

Ku wa 3 tariki 25 Nzeli 2013, Radio Maria Rwanda yagiranye inama n'abahagarariye abakristu mu nzego zinyuranye za Paruwasi ya Rukoma ho muri Diyosezi ya Kibungo, iyo nama ikaba yari igamije gutegura uruzinduko ruzaba kuva tariki ya 21 kugeza ku ya 27 Ukwakira 2013.

Udusanduku twa RMR

Radio Maria Rwanda ikomeje kwegereza abakunzi bayo uburyo bwo kuyitera inkunga.Nubwo hirya no hino uhasanga

abakangurambaga n'abakorerabushake bayo , binakenewe ko haboneka ubundi buryo budasimbura ubusanzwe nk'amabanki no kohererezanya amafaranga biciye kuri telefoni.

Mu mpande zinyuranye haraboneka udusanduku two gushyiramo inkunga ya RMR, ari na ko havugwa kuri Radio yanyu. Muri uku kwezi kwa Nzeri, ubwo buryo bufasha ubyifuza wese bwageze muri Centre ya Gakenke, Akarere ka Gakenke Paroisse NEMBA Diyosezi ya RUHENGERI.

Ntitwabura gushimira abavandimwe bacu bemeye gufasha RMR, bakira utu dusanduku mu mazu yabo y'ubucuruzi. Abo ni Oportinée, aho usanga ako gasanduku muri TANTUM iruhande rwa BK, na Odas DUSHIMIYIMANA bakunze kwita Bwenge watwakiriye kandi akemera ko dushyira agasanduku kacu muri Papeterie de Gakenke. Imana ibahe umugisha.

Mu minsi ya vuba, utwo dusanduku tuzunganirwa n'akazashyirwa kuri Paroisse ya NEMBA, n'ahandi hirya no hino muri iyo Paruwasi.

Egide NDUWAYEZU

RADIO MARIA YABUZE UMUKUNZI WAYO W'IMENA

Kuwa kabiri tariki ya 24 Nzeli 2013 ni bwo hahise itangazo kuri Radio Maria Rwanda rimenyesha urupfu rw'uwari Padri Mukuru wa Paruwasi Katedarali ya Gikongoro Mgr Edouard NTAGANDA. Imihango yo kumuherekeza yabaye tariki ya 26 Nzeli 2013. Radio Maria Rwanda ntizamwibagirwa mu mateka yayo kuko ari mu bayihaga ikaze muri Paruwasi Katedarali ya Gikongoro kandi agashyigikira ubutumwa bwayo afasha intumwa za Radio Maria Rwanda kugera ku bakunzi bayo. Yakiraga bwangu igikorwa cyose cyabaga kigamije kongerera ubushobozi Radio Maria Rwanda. Imana imuhe iruhuko ridashira.

Umutungo wa Radio Maria

Uburyo bushya bwo kwakira inkunga itangwa n'abakirisitu kuri Radio Maria Rwanda

Kuva taliki ya 17 kugeza ku italiki ya 20 Nzeli, i Bujumbura mu gihugu cy'u Burundi habereye amahugurwa ajyanye n'uburyo bushya bwo kwakira inkunga itangwa n'abakirisitu kuri Radio Maria. Aya mahugurwa yateguwe n'umuryango Radio Maria ku isi, yatumiwemo umuhuzabikorwa wa Radio Maria Rwanda, yari agamije kwereka abari bayarimo uburyo bushya bwo kwakira inkunga hifashishijwe ikorana buhanga. Ubu buryo bukazakorwa hifashishijwe telefoni zabugenewe zigendanwa ku buryo umukiristu uzajya amara kugeza inkunga ku mukozi cyangwa umukorera bushake wa Radio Maria ushinzwe kwakira inkunga azajya ahita abona ubutumwa bugufi kuri telefoni bumugaragariza ko inkunga ye yagejejwe kuri Radio Maria ndetse anashimirwa n'ubuyobozi bwa Radio ku nkunga amaze gutanga. Mu kugerageza ubu buryo bushya bwo kwakira inkunga hifashishijwe ikorana buhanga bikaba bizatangirira mu mujyi wa Kigali guhera mu kwezi k'Ukwakira 2013.

Tera inkunga radio yawe,Radio Maria Rwanda

Ukoresheje

MTN Mobile Money: 07884870045

Tigo Cash : 0727495295

KONTI

108-06646001-59 MURI ECOBANK
056-0293574-40 MURI BK
441-2057171-11 Muri Banki y'abaturage

RADIO MARIA MU MUJYI WA KIGALI

Paruwasi ya Saint Michel yizihije yubile y'imyaka 50

Ibirori byo kwizihiza iyi yubile, byabimburiwe n'igitambo cya misa cyayobowe na Musenyeri Tadeyo Ntihinyurwa, Arikepisikopi wa Kigali Paruwasi Saint Michel ibarizwamo. Abakristu n'abihayimana bagize iyi paruwasi n'ishuti zayo bari bakereye kwizihiza uyu munsi mukuru.Padiri Muvandimwe Jean Claude, padiri mukuru w'iyi paruwasi asobanura ko habaye impinduka mu iyogezabutumwa kuko haba abanyamahanga cyangwa abanyarwanda bavuga indimi z'icyongereza n'igifaransa, basigaye basomerwa misa muri izo ndimi ***« turishimira ko iyi paruwasi yubatswe mu mujyi ikaba ifasha abakristu b'abakozi ndetse n'abanyamahanga kubona aho basengera. Ni umwanya kandi w'ubusabane hagati y'abakristu b'abanyarwanda n'abanyamahanga basengera muri paruwasi Saint Michel. Kwiyubakira kiliziya ni intego twihaye hamwe n'abakristu bacu ».*** Umwe mu bakristu 12 babatirijwe bwa mbere muri iyi paruwasi,Consolata Kampogo na we umaze imyaka 50 muri iyi paruwasi wanahawe igihembo cy'ishimwe kubera kwitangira ubukristu mu myaka ingana ityo, avuga ko paruwasi Saint Michel yamufashije gukomera mu kwemera bityo akaba asaba abakristu gukomera mu isengesho no kutajarajara bashakira Imana aho itari. Tubibutseko iyi prauwasi ariyo dusangamo ibiro bya Radio Maria Rwanda mu mujyi wa kigali,aho dushobora gutanga inkunga zo kuyishyigikira ndetse no kubaza izindi serivise za Radio Maria Rwanda. Paruwasi saint Michel yabonye izuba mu 1963 ibyawe na paruwasi y'Umuryango Mutagatifu(Sainte Famille) bisabwe na Diyosezi ya Kabgayi. Ni paruwasi yihariye kuko itagira amasantarali ahubwo abakristu bayo bibumbiye mu mpuzamiryangoremezo icyenda. Kuri ubu ifite abakristu barenga gato ibihumbi makumyabiri. Nayo imaze kwibaruka paruwasi nshya ya Cyahafi.

Cryspin KAYITARE

GUSHYIKIRA RADIO MARIA RWANDA NI UGUFASHA YEZU GUKIZA ISI
www.radiomaria.org